


BIRI MU MIGENZO Y'INTUMWA KO IMAMU NDETSE NUSALI WENYINE ASHYIRA IMBERE YE IGIKINGA, KANDI IGIKINGA CYA IMAMU NI NACYO GIKINGA CY'ABARI UNYUMA YE.




MAZE AKEREKEZA AMASO YE AHO ARIBUSHYIRE UMUTWE YUBAMA.




1

HANYUMA UMWANYA URI HAGATI Y'IBIRENGE BYE UKANGANA NUWO HAGATI Y'INTUGU ZE, NTIYONGERE NTA NAGABANYE AKABIRINGANIZA BYOMBI.







2

HANYUMA NYUMA Y'UKO AMAZE GUTUNGANYA IBYANGOMBWA BIKENEWE KUGIRA NGO ISWALA IKORWE, AKAVUGA ATI "ALLAH AKIBAR" AZAMUYE AMABOKO INTOKI ZEGERANYE AKAYAGEZA AHARINGANIYE N'AMATWI YE CYANGWA N'INTUGU ZE, MAZE INDAGA Z'IBIGANZA ZIKABA ZEREKEYE AHAREBA QIBLAT.



3

HANYUMA AGASHYIRA INDAGA Y'IKIGANZA CYE CY'IBURYO HEJURU Y'UKUBOKO KWE KW'IBUMOSO (HEJURU Y'IGITUZA CYE) CYANGWA AKAGUFATA.



4

HANYUMA NI BYIZA KO ASOMA UBUSABE BUFUNGURA ISENGESHO KURI RAKAA YA MBERE GUSA, KANDI IBYIZA NI UKO YAJYA ANYURANYA MU GUSOMA UBWO BUSABE, AKAVUGA ATI "SUBUHANAKA ALLAHUMA WA BIHAMUDIKA WA TABARAKA ISIMUKA WA TAALA JADUKA WA LA ILAHA GHAYIRUKA"






YARANGIZA AKIKINGA KU MANA AKORESHEJE UBUSABE BWATURUTSE KU INTUMWA AGIRA ATI "AWUDHU BILAH MINA SHAYITWANI RAJIMI"

YARANGIZA AKAVUGA BISMILAH I AKAASOMA SURATU AL FATIHAT AKAYISOMA AKURIKIRANYA IMIRONGO YAYO N'AMAGAMBO YAYO N'INYUGUTI ZAYO, AGIRA ATI " 1. BISMILAH RAHMAN RAHIM 2. AL HAMUDU LILAH RABIL ALAMINA 3. ARAH'MANI RAHIMI 4. MALIKI YAUMI DINI 5. IYAKA NAABUDU WA IYAKA NAS'TAINU 6. IHIDI NA SWIRATWAL MUSTAQIMA 7. SWIRATWA LADHINA AN AMUTA ALAYIHIM GHAYIRIL MAGH'DWUBI ALAYIHIM WALA DWALINA.

WARANGIZA AGASOMA AYAT ZIMWOROHEYE MURI QOR'AN ADATANGIJE (AUDHU BILAH) AHUBWO AKAVUGA BISMILAH KU NTANGIRIRO Y'ISURA GUSA.

5

HANYUMA AKAZAMURA AMABOKO NKUKO YAYAZAMUYE MBERE KURI TAKIBIRATUL IH'RAMI AVUGA ATI "ALLAH AKIBAR" MAZE AKAJYA RUKUU AGAFATA AMAVU YE ATARAMBUYE INKOKORA ZE, UMUTWE WE UKABA URINGANIYE N'UMUGONGO WE, MAZE AKAVUGA INSHURO IMWE GUSA BY'ITEGEKO ATI "SUBUHANA RABIYAL ADHIMI" ARIKO BIREMEWE KO YAGIRA IBYO YONGERAHO BYAKOMOTSE KU INTUMWA.






6

HANYUMA MU GIHE ARIMO KWEGUKA ATARAHAGARARA NGO ARINGANIRE AKAVUGA ATI "SAMIA LLAHU LIMAN HAMIDAHU" AZAMUYE AMABOKO AKAYARINGANIZA N'AMATWI CYANGWA INTUGU.

YAMARA GUHAGARARA NEZA ARINGANIYE AKAVUGA ATI "RABANA WALAKAL HAMUDU" BIREMEWE KO YARENZAHO IBYATURUTSE KU INTUMWA MUHAMADI.



HANYUMA AGATORA TAKIBIRA ATAZAMUYE AMABOKO AKUBAMA KU IBIHIMBA BIRINDWI: AGAHANGA HAMWE N'IZURU, INDAGA Z'IBIGANZA BYOMBI, AMAVI ABIRI, N'AMANO ABIRI Y'IBIRENGE.

MAZE AGATANDUKANYA AMABOKO NTAGERE KU INDAGA, AKANATANDUKANYA IBIBERO NTIBYEGERE INDAGA NDETSE N'IBIBERO NTIBYEGERE IMIRUNDI AMABOKO YE AKABA ASHINZE K'UBUTAKA.





7

AKAVUGA ATI "SUBUHANA RABIYAL AALA" INSHURO IMWE Y'ITEGEKO, ARIKO BIREMEWE KO YAKONGERAHO IBYATURUTSE KU INTUMWA, KANDI ASHOBORA GUSABA ICYO ASHAKA, ARIKO IBYIZA NI UKO YASABA UBUSABE BWATURUTSE KU INTUMWA.



8

. YARANGIZA AGATORA TAKIBIRA MAZE AKICARIRA UKUGURU KWE KW'IBUMOSO GUSHASHE, AGASHINGA UKUGURU KW'INDYO AMANO YAKO YEREKEYE QIBLAT MAZE AGASHYIRA INDAGA Z'IBIGANZA BYE KU MWISHO W'IBIBERO BYE, AKAVUGA ATI "RABIY IGH'FIRILIY" UKO NIKO BICARA KURI BURI AHICARWA HOSE MU ISWALA USIBYE GUSA KU ISWALA IFITE RAKAA ESHATU GUSA CYANGWA RAKAA ENYE MURI ATAHYATU YA NYUMA HO AGOMBA KWICAZA IKIBUNO AGASHYIRA UKUGURU KW'IBURYO MUNSU Y'UMURUNDI W'UKW'IBUMOSO.



9

YARANGIZA AGATORA TAK'BIRA, MAZE UKUBAMA NKUKO YUBAMYE MBERE, HANYUMA AGATORA TAKIBITAR, AGAHAGURUKA KUGIRA NGO ASARI RAKA YA KABIRI, AKAYIKORAMO NK'IBYO YAKOZE MUYA MBERE, USIBYE KO MURI RAKA YA KABIRI HATABAMO TAKIBIRATUL IHIRAMI NDETSE NTIHANABAMO UBUSABE BUFUNGURA ISWALA.

IYO ARANGIJE UKUBAMA KWA KABIRI ARICARA KUGIRA NGO ATORE ATAHYATU.





AKARAMBURA URUTOKI RWE RWA MUKUBITA RUKOKO, URWO HAGATI YARUKUBYE NDETSE N'URWI GIKUMWE, AKANYEGANYEZA MUKUBITA RUKOKO AKANASABA UBUSABE AHO.

AGASOMA ATAHYATU YARANGIZA AGASOMA (SWALATU IBRAHIMIYAT) AGIRA ATI "ATAHYATU LILAH WA SWALAWATU WA TWAYIBATU ASALAM ALAYIKA AYUHA NABIYU WA RAH'MATULLAH WA BARAKATUH, ASALAM ALAYINA WA ALA IBADI LAHI SWALIHINA, ASHIHADU AN LA ILAHA ILA LLAHU WA ASHIHADU ANA MUHAMADA ABDUHU WA RASULUHU. ALLAHUMA SWAL ALA MUHAMADI WA ALA ALI MUHAMADI KAMA SWALAYITA ALA IBRAHIMA WA ALA ALI IBRAHIMA INAKA HAMIDUN MAJIDU, ALLAHUMA BARIKI ALA MUHAMADI WA ALA ALI MUHAMADI KAMA BARAK'TA ALA IBRAHIMA WA ALA ALI IBRAHIMA INAKA HAMIDUN MAJIDU"

YARANGIZA AKIKINGA KU IMANA NGO IMURINDE IBINTU BINE

"ALLAHUMA INIY AUDHUBIKA MIN ADHABI JAHANAMA, WA AWUDHU BIKI MIN FITINATI DAJALI, WA AWUDHU MIN FITINATIL MAH'YA WAL MAMATI, AKAVUGA UBUSABE BWOSE ASHAKA, ARIKO IBYIZA NUKO YAKORESHA UBWATURUTSE KU INTUMWA GUSA, AGIRA ATI "ALLAHUMA AINI ALA DHIKRIKA WA SHUKURIKA WA HUSUNU IBADATIKA"

HANYUMA AGATORA SALAM EBYIRI IBURYO NI IBUMOSO AGIRA ATI "ASALAM ALAYIKUM WA RAH'MATU LLAHI" AGAHINDUKIZA UMUTWE WE GUSA IGIHIMBA NTIGIHINDUKIRE, NANONE AKIRINDA GUTORA SALAM ABANJE KUZAMURA UMUTWE NO KUWUMANURA, ATANAGARAGAJE IBIMENYETSO BYO KUZAMURA INTOKI.



10

BYATEGUWE NA : NA DR HAYITHAMI SALIHAN: UMWARIMU MU MUSIGITI W'INTUMWA MUHAMADI

AKABA N'UMUGENZUZI WA INSTITUT SANAT : MAHADUSUNNAH.COM

UBURENGANZIRA KURI IYI NYANDIKO BWO KUYICAPISHA KUYIKWIRAKWIZA BUREMEWE.

USHAKA GUSEMURA IYI NYANDIKO YATWANDIKIRA KURI: SARHAAN.COM

